

INTABAZA

GACANZIGO

Ikinyamakuru cy'abaharanira impinduka mu Rwanda No 4 Nzeri 2014



Speciose Mujawezu
Umunyamabanga Mukuru
w'ISANGANO
ry'Abenegihugu



KWIBUKA ABAZIZE
KUDETA YO MURI 1973
TWAKURAMO IYIHE
NYIGISHO ? urup.



Imirambo 40 ireremba mu kiyaga
Rweru ntahandi iva uretse aha muri
Nyabarongo (Rwanda)



United Nations



UNHCR
The UN Refugee Agency

Impunzi z'Abanyarwanda zinyanyagiye hirya no hino kw'isi zaba zigera ku 700 000 urup.

IBINDI BIRI MURI IYI NUMERO: Ijambo ry'ibanze **urup.2**, ikibazo cy'imvange mu moko y'u Rwanda **urup.4-5**,

IJAMBO RY'IBANZE:**UBUTEGETSI BWA FPR/KAGAME BUKOMEJE GUHEMBERA UMUJINYA MU BANYARWANDA:**

Abatutsi bari imbere mu gihugu bakwiye kwitandukanya na Kagame kuko urwobo ari kubacukurira kuzarwikuramo bizabatwara igihe

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Guhora tuvuga akarengane tugirirwa, akaba nta bikorwa binini bifatika bigaragarira buri wese bidutera ikimwaro ko ibyo dukora bidahagije, ariko bikadutera n'ubutwari bwo kudacika intege ku bikorwa bito bito dukora ubu twizera ko bizadushyitsa ku gikorwa nyamunini cyo kugobotora igihugu cyacu dukunda u Rwanda n'abenegihugu bacyo Abanyarwanda ku ngoyi y'ubutegetsi bubi (Libération totale de notre peuple et de notre cher patrie, le Rwanda).

Nkuko twabikomojeho muri numero z'Intabaza Gacanzigo zo mu mezi atatu ashize twerekanye ko FPR ikomeje politike yayo ishingiyeye ku bwicanyi ndengakamere, ikinyoma, iheza n'ikumira ry'igice kinini cy'Abanyarwanda kigizwe ahanini n'Abahutu. Twakomoje ku nkuru ry'ishimutwa n'izimira rya hatu na hatu ry'abantu mu Rwanda, twakomoje ku nkuru y'itwikwira rya za Gereza ebyiri i Gitarama no ku Gisenyi, ndetse n'andi mazi yashumitswe hirya no hino na Rwanda, twakomoje kandi ku nkuru y'izimira ry'Abantu 46000 b'imfungwa zakoraga imirimo TIG aribwo buretwa bwa FPR. icyakurikiye ibyo byose nuko FPR yitakumye muri bya binyoma n'ikinamico ryayo igafata abantu mu bice bya Gisenyi (Rubavu) bakikora izuba riva ngo bagiye gushyingura imibiri y'Abatutsi bishwe muri jenocide. Ibimenyetso bindi ntibyatinze gutamaza FPR kuko imwe mu mirambo FPR yabuze uko iyitaba ngo iyihishe amaso y'amahanga maze yigira inama yo kuyijugunya mu ruzi rwa Nyabarongo. Nyabarongo nayo iti dore igihe nanywereye amaraso y'inzirakarengane ibi nanjye ndabirambiwe ndagutamaza isi yose ibone urwagashinyaguro uri kwica Abanyarwanda. Nyabarongo ntiyazuyaje yahise iyimanura imwe mu mirambo iyiroha mu Kiyaga Rweru. Iyabashije kubonwa n'abarobiyi Abarundi ni imirambo 40 mu gihe Abarobiyi b'Abanyarwanda bo basabwe na FPR kudahirahira babumbura amaso yabo. Iyi nkuru y'imirambo 40 yabonetse mu Kiyaga cya Rweru yaciye ibintu kuko yanatangajwe n'ibitangazamakuru bikomeye kw'isi. Twe nta maperereza y'ikirenga dukeneye kugirango tumenye aho imirambo ituruka kubw'impamvu yuko tuzi imikorere ubwicanyi n'ikinamico bitanga FPR kuva yashingwa hakwiyongeraho abantu twarondoye hejuru baburiwe irengero leta ntigaragaze aho bagiye. Abari mukibaza aho abantu banyu mwaburiye irengero bagiye mwiboneye ubwanyu igisubizo. Niba mwakekaga ko abanyu bazagaruka nimwihanagure. Bimeze nk'ibyabaye FPR ifashe ubutegetsi 1994, BENEWACU ibihumbi n'ibihumbi byinshi FPR yatumije mu manama yayo 94 kugeza na nubw'izo nama ntizirarangira ngo abo BENEWACU tubabone. Uko byagenze ibara umupfu Imana yo nyirimpuhwe zahebujye yakire abo BENEWACU badusize.

Indi nkuru ivugwa ni isubiranamo munda ya FPR ry'abari ku ngoma aho bamwe mu basirikare bafunzwe bashinjwa guhungabanya umutekane wa leta ya FPR. Kuri izi nkuru hariyongeraho inkuru z'inzindi

Ibi byose ni umujinya uhemberwa mu banyarwanda bikoze n'Agatsiko k'abicyanyi kafashe ubutegetsi bw'Abenegihugu ku ngufu. Imyaka ibaye 24 Guhera mu mwaka w'I 1990 FPR-Inkotanyi ishoje intambara yatumye mu Rwanda no mu Karere kose hacura icuraburindi, agahiri n'agahinda bidashira. Abaheze ishyamba no mw'ishyamba bo bararize barayihanagura kuko nta gihoza bagira. Impfubyi n'Abapfakazi abasaza n'abandi barenga ibihumbi 250 bari kuborera mu mashyamba ya Kongo. Abandi barenga ibihumbi 400 bari ishyamba mu mahanga ya kure iyo igihugu giterwa inkongi. Ibyo byose ni ibibazo byatowe n'ingoma ya Kagame na FPR ye.

Uyu mujinya FPR iri guhemberwa mu banyarwanda b'Abatutsi bari mu gihugu uriyongera ku ntamba Abahutu twavuze haruguru n'Abatutsi bake bari ishyamba no mu ishyamba. Ibi byose bikivanga ku zindi ntamba zidashira ishengura imitima ya za miliyoni z'abanyarwanda ziciwe ababo na FPR inkotanyi ariko bakimwa n'uburenganzira bwo kubibuka. Muzi mwese ko Abahutu bamaze kwica mu Rwanda no muri Kongo barenga 2 000 000, Abakongomani barenga 6 000 000, Abatutsi bishwe cg bicishijwe na FPR nabo bakabakaba mu 350 000, Abarundi Abagande n'abandi banyamahanga nabo ntibagira ingano. Izo ngogo zose zagariye kubwa FPR irumva ko zidahagije.

Kuvuga ubutabera cg kwibuka abahutu bishwe byo ni ukwigiza nkana mu Rwanda rwa Kagame na FPR. Burya koko ngo impyisi ikurira umwana cyangwa inyana ikakurusha uburakari. Nguko uko FPR yashyiriyeho Abahutu Inkiko Gacaca zo kubahumbahumba ku misozi no kubabeshyera ibyaha batakoze. Gacaca yahamijye byaha bitandukanye Abahutu bagera neza neza kuri 2 000 000. Ni akumiro rwose!

FPR ntiyashizwe kuko mu nzego zose z'igihugu FPR yashyizemo gahunda zitabarika zigamije kugira ibikange Abahutu, kubica mu bwonko no ku mubiri uruhongohongo amahanga atarabutswe. Ntawarondora za gahunda z'agahomamunwa zashyizweho na FPR nko kwirega no kwemera icyaha, ingando, ubudehe, Intore, ingengabitekerezo ya jenocide, Ndi Umunyarwanda n'izindi gahunda mbi cyane leta ya Kagame/FPR bazanye mu gutesha umutwe Abanyarwanda bo mu bwoko bw'Abahutu.

FPR ntiyarekeye aho ariko inyuzamo ikanafata itsinda ry'sbshutu rinini cyangwa rito ikabica. Nyuma yo kubivugana FPR ihimbahimba ibinyoma n'ikinamico nkuko isanzwe ibigenza ikavuga ko abantu bazimiye cg bagiye muri FDLR ariko nk'uko mubyumva niyo iba imaze kubireza.



Jean-Marie V. MINANI
Umuyobozi Mukuru
w'ISANGANO ry'Abenegihugu

**'Abanyarwanda mushire
ubwoba dutabare mu maguru
mashya amazi atararenga
inkombe'**

Umwanzuro

Uyu mujinya, ipfunwe n'agahinda n'agahiri biri mu mitima y'Abanyarwanda mu minsi itari kure biraza kuruka ikirunga. Abareba kure bakwitaza ikirunga kitaratangira kuruka. Abwirwabenshi akumva beneyo. Twe ntituzahwema kwerekana amakosa n'akarengane, ubwicanyi, ivangura, iheza ubutegetsi bwa FPR/Kagame bukorera Abanyarwanda Tubicishije muri iki kinyamakuru INTABAZA-GACANZIGO no mu bindi bitangazamakuru bitandukanye tuzakomeza gutabariza inzirikarengane z'Abanyarwanda (Abahutu, Abatutsi, n'Abatwa) ndetse n'Abanyamahanga bahonyorerwa uburenganzira bicwa buri buni, bafungirwa akamamama, abamburwa imitungo y'amasambu yabo, amazu n'ibindi, abakubitwa abacunaguzwa, abamburwa akazi, abakorewira itotozwa, iyicwarubozo, abatwikirwa imitungo abimwa ubushobozi nka buruse, abahembwa intica-ntikize, ababurirwa irengero, n'abandi tutarondoye.

Ba nyapolitiki, banyabwenge, basirikare, banyarwanda mwese muri rusange ibi birabareba Igihe cyo gushyira hamwe ingufu twese hamwe tukigobotora ingoma mbi ya FPR-Inkotanyi ni iki ndetse kiri kurenga.

Ubutumwa bwihariye ku bari mu gisirikare cya FPR baba bumva ko bagarura agatima impembero NIMWITANDUKANYE KU MUGARAGARO N'UBUTEGETSI BWA FPR NIMUZA MWARAHINDUTSE NTA BURYARA MUZAKIRWA NEZA MURI OPPOSITION

Mugire icyo mukora!

Mwese mugire urukundo n'amahoro.

Jean-Marie V. MINANI

KWIBUKA ABAZIZE KUDETA YO MURI 1973 TWAKURAMO IYIHE NYIGISHO ?**Inkuru ya Petero SEBAHIRE..**

Ku itariki ya 16 kanama 2014 nagize amahirwe yo kuba ndi mu Kiriziya ya Mutagatifu Alix muri komini ya Woluwe-Saint Pierre i Buruseri. Nari iyo kiriziya hatuwe igitambo cya misa mu muhango wo kwibuka, kuzirikana no gusabira abategetsi ba Repuburika ya mbere, bahitanwe n'abo muri Repuburika ya kabiri, nyuma ya kudeta yo muri 1973. Ibyo bikaba ari bwo bwa mbere byari bibaye nyuma y'umyaka 41 ayo marorerwa abaye. Uretse ibyo kandi, ku itariki ya 2 kanama 2014, nari nagize andi mahirwe yo kuba mu wundi muhango wabereye ahitwa Anvers mu Bubirigi. Uwo muhango wari wateguwe n'umuryango w'umuntu wakoranaga bya hafi cyane na nyakwigendera Gerigori Kayibanda waburiwe irengero mu minsi yakurikiye iriya kudeta, kugeza n'ubu akaba nta muntu wakubwirira ibye.

Kuba nari ndi muri iriya muhango wo kuwa 16 kanama nabyise amahirwe kubera impamvu byirimo. Iya mbere ni uko nta wari wawuntumiyemo (ariko naje kumenya ko n'ubundi nta butumire bwari bwabayeho, ngo byateguwe mu ibanga rikomeye ; ntumbaze rero uko nibonye mpari icyo ni ikindi kibazo). Iya kabiri ari nayo y'ingenzi ni inyigisho nakuyemo kandi mbona buri munyarwanda yari akwiye gukuramo, akaba ari na yo ngirango mbagezeho muri iyi nyandiko. (Ariko muri iriya muhango wo ku ya 2 kanama bwo nari natumiye da ! mutaza kugira ngo ndi umuvumbi wa cyane utayoberwa aho zahiyi ! uretse ko n'ubundi mu umuco wacu kuvumba byemewe).

Mvuye muri iriya muhango wo ku ya 16 kanama nagiyemo mu bukwe bw'umuntu ukomoka mu majyaruguru y'u Rwanda wari washyngiye umukobwa we (na bwo nari nabutumiyemo !). Niba mbabwira ibi ntumugire ngo ngamije kubarondogorera mbabwira ubuzima bwanyje ku giti cyanjye, ahubwo ni uko muri iyo mihango yose, no muri ibyo birori nagize rya « jisho rya mukuru ritazinduka riba ryagiye kureba ». Nkaba nagirango mbagezeho bimwe mu bibazo nibajije, ariko cyane cyane mbagezeho ibisubizo nje mbiha namwe muzambwire uko mubibona.

Icyo mbere ni uko nyuma y'iyi mihango nagiyemo numva abantu batandukanye batanga ibitekerezo binuranye. Bamwe bati : « kuba iriya miryango y'abahanwe na kudeta yo muri 1973 yarashatse kwibuka ababo no kubaza ibyerekeranye n'urupfu rwa bo ni uguca abahutu mo ibice ». Bati : « ni uguhanganisha « abakiga » n'« abanyanduga » bikaba ari ugutiza umurindi umwanzi wa bo rusange ariwe Kagame na FPR ye. » Hari n'uwambwiye kandi nabonaga abivuga akomeje, ati : « tuzi neza rwose ko bariya bana bafite ukuri iyo basaba kumenya icyo ababyeyi ba bo bazize n'uburyo bapfuye. Ariko muri aka kanya icyihutirwa ni ugushyira hamwe imbaraga z'abahutu, ibyo bibazo byose batumvikanaho bikazaba byigwaho tegeze mu Rwanda, kimwe n'uko abatutsi bakiri mu buhungiro biyibagije ibyabatandukanyaga bakishyira hamwe bakikiza ingoma y'abahutu, ubu akaba ari bwo bongeye gusubira mu byo batumvikanaho bakaba barimo gushwana ».

Abandi ariko barambwiye bati : « gushaka kuburizamo ubushake bwo kuvuga, kwibuka no kubaza ibya bariya bategetsu baguye muri iriya kudeta, ni ukugerageza kuniga ukuri nk'uko bimaze imyaka irenga 40 byarakozwe, bikaba ndetse ubu byaragizwe inkingi ubutegetsu bwa FPR na Kagame wayo bushingiyeho ». Bakongera bakagira bati : « iyo nkingi y'ikinyoma no gusibanganya ukuri igomba kurimburwa ».

Dore nje uko mbibona. Ndi muri iriya mihango na biriya birori, nitegereje abayirimo, numva amagambo yagiye afatwa n'abantu batandukanye kandi nkozeza no kuganira n'abandi twabaga twicaranye dusangira ka « rufuro » n'umuvinyo. Naje gusanga biriya byo kuguma kwitwaza « kiga »-« nduga » mu by'ukuri iyo winjijye mu buzima bw'umuntu ku giti cye nta shingiro bifite. Buri muntu azarebe mu ncuti ze za hafi nadasangamo abava muri utwo turere twombi azangaye. Nko muri buriya bukwe nababwiye, twahahuriye turenge abantu nka 150. Bitewe n'uko abari bahari bose mbazi hafi ya buri wese ku giti cye, naje gusanga nka 55% ari ba bandi dukunze kwita ngo « abakiga » 45% bakaba ari abakunze kwitwaga ngo « abanyanduga ». Ibi binyereka ko uwo mubyeyi wari washyngiye afite inshuti hose. Kandi mwibuke imitumirire y'ino mu Burayi, muzi iyo ufite ubukwe utumira inshuti nyanshuti, ntugena ngo ukoyore ababonetse bese. (iby'aya mazina ya « kiga » « nduga » nabyo ndumva nzagira icyo mbivugaho mu minsi iri imbere).

Mu magambo yavugiye muri wa muhango wo ku wa 2 kanama, hari umugabo nashimye cyane, ukomoka mu majyaruguru y'u Rwanda, wafashe ijamba avugaga ubucuti bwe ku giti cye n'ubu twarimo kuzirikana. Ubwo bucuti bukaba bwagarajwe n'uko yari yatumiye kandi akitabira uwo muhango, mu gihe yari akomeye muri Leta ya Habyarimana yahitanye uwo twarimo kwibuka. Ibyo ariko, ari abakomoka kuri uwo twibukaga, ari n'ubu mugabo mvuga, bese babirenzeho, basanga ubucuti yari afitanye n'ubu nyakwigendera buruta kure iby'uko ingoma yakoreye ari yo yahitanye incuti ye. Ijambo yavuze atanga ubuhumya kuri nyakwigendera ryashimwe na bese ku buryo ari abagabo, ari abagore, ari abana, abantu bese bese bari bamuteze amatwi nta kurangara. Nyuma basutse amarira imishwari yo kwihanagura iba mike, biyumviye uburyo byari byafashe muri iyo minsi yakurikiye kudeta, kandi byari birimo kuvugwa n'umwe mu bari ku ibere mu butegetsu bwari bumaze kujyaho.

Aha rero nje nsanga twari dukwiye kumenya kandi tugatsindagira ko u Rwanda rugizwe n'ibiremamuntu. Rugizwe n'abantu bafite umutima, bava amaraso, bagira agahinda, bakanababazwa n'ababo iyo bapfuye cyangwa bakaburirwa irengero. Kubabuzi kububuka no kubatekereza, ni ukunyukanyuka uburenganzira bwa buri muntu ku giti cye. Kubavutsa ubwo burenganzira byaba bisa no kubabaza kuba abantu. Icyo gihe waba urimo kubaka igihugu kigizwe n'abantu b'ibihungetwe, b'ibikange, batashywe n'ubwoba n'umususu, batifitemo amahoro muri bo imbere, basigaye bameze nka za baringa gusa.

Nta buzima baba bafite rero. Icyo kandi ubu nicyo FPR na Kagame wa yo bashoboye kugeraho. Ubu u Rwanda rutwe n'abantu bahahamutse, bumva ko uretse no guharanira uburenganzira bwawe nk'umuntu, no kubitekereza ubwabyo ari ukurwanya « iterambere n'ubwiyubake bazaniwe n'iyi ngoma ».

Iyo gahunda yo kwibuka bamwe, abandi ukabagira ibivume by'« abajenosideri » n'« ibipinga » cyangwa « ibirura » bitagira icyo byemerewe, ni yo ubona ririya shyirahamwe ryitwa «Ibuka » riharanira. Kandi nitureba nabi rikaba rishobora kuzabigeraho. Ibya « Ibuka » byo ndumva nzabikorera indi yandiko yihariye. Ariko aha ndagirango ntange akagero kamwe kerekana uburyo muri « Ibuka », FPR n'abambari ba yo bimirijwe imbere na Kagame, benda kugera ku mugambi wabo wo kwima igice kinini cy'abanyarwanda uburenganzira bwo kwibuka, kwiraburira no kuzirikana ababo bapfuye. Abo mvuga ni abapfuye bazira akarengane kuva muri 1990 kugeza ubu. Bakaba barishwe kandi n'ubu bagikomeza kwicwa mu buryo burengeje kure ubugome uburyo abatutsi bishwe muri 1994.

Muri mata uyu mwaka navuganye na murumuna wanjye uri mu Rwanda ambwira ko bagiyeho ahanu bari bateraniye mu kiriyi cyo kwibuka no kuririra inzirikarengane zaguye muri jenoside « yakorewe abatutsi ». Naramubajije nti : « ariko muri izo nama zo kwibuka abapfuye mu Rwanda mujya mubaza igihe muzibukira ba Naka na Kanaka?» (aha namuhaye amazina y'abantu azi nanjye nzi bishwe n'inkotanyi nta kindi bazize uretse kuba ari abahutu). Murumuna wanjye uwo yarambwiye ati : «ariko warasaze cyangwa urashaka kunkoraho ? abo bantu uvuga simbazi » ahita afunga telefoni.

Uru rugero ndutanzwe kugira ngo mwumve uburyo ibyo navuze byo kugira abantu ibuhungetwe, bakumva ko nta gaciro bafite, basa n'abarimo kubigeraho. Iyo mvuganye n'ubu muvandimwe buri gihe aba andatira iterambere bamaze kwigezaho, ndetse akambwira ngo nanjye ninze dufatanye kubaka urwatubye, ariko yarangiza akambwira ati « inzara iratumaze niba utatwohereje byibuze 20.000Frw ngo mbone icyo ngura udushyimo, aho kugira ngo inzara inyicire abana mu maso ubu ngye gusuhuka nje guhingira amafanga ». Ibi mbabwiye nta cyo mpimbye byabayemo mu kiganiro kimwe nagiranye n'ubu muvandimwe. Mu munota umwe akaba ambwira iterambere mu munota ukurikiyeho akambwira iby'inzara igiye gutuma asuhuka. Nguko uko u Rwanda ruteye muri iyi minsi : ku ruhande rumwe rurata iterambere, kandi ku rundi ruhande abantu bamazwe n'inzara n'ubukene.

Abo mvuga ni abapfuye bazira akarengane kuva muri 1990 kugeza ubu. Bakaba barishwe kandi n'ubu bagikomeza kwicwa mu buryo burengeje kure ubugome uburyo abatutsi bishwe muri 1994. Uru rugero ndutanzwe kugira ngo mwumve uburyo ibyo navuze byo kugira abantu ibuhungetwe, bakumva ko nta gaciro bafite, basa n'abarimo kubigeraho. Iyo mvuganye n'ubu muvandimwe buri gihe aba andatira iterambere bamaze kwigezaho, ndetse akambwira ngo nanjye ninze dufatanye kubaka urwatubye, ariko yarangiza akambwira ati « inzara iratumaze niba utatwohereje byibuze 20.000Frw ngo mbone icyo ngura udushyimo, aho kugira ngo inzara inyicire abana mu maso ubu ngye gusuhuka nje guhingira amafanga ». Ibi mbabwiye nta cyo mpimbye byabayemo mu kiganiro kimwe nagiranye n'ubu muvandimwe. Mu munota umwe akaba ambwira iterambere mu munota ukurikiyeho akambwira iby'inzara igiye gutuma asuhuka. Nguko uko u Rwanda ruteye muri iyi minsi : ku ruhande rumwe rurata iterambere, kandi ku rundi ruhande abantu bamazwe n'inzara n'ubukene.

Tugarutse rero kuri bariya bategetsu ba Repuburika ya mbere bishwe n'abahiritse Leta yabo, kuba mu imyaka irenga 40 bitari byarashobotse ko ababakomokaho n'imiryango ya bo bamenya iby'imfu za bo, bihabanye bitavugwa n'uburenganzira bw'umuntu. Numvise ngo habayeho icyo ababahitanye bise urukiko rwabaciriyeho urwo gupfa. Uretse ko urwo rukiko byagaragaye ko rwari urwa nyirarushwa, n'iyi abo bantu baza koko kuba barakoze ibyaha babeshyerwa ko bakoze, nje numva iyo koko ababishe baza kuba bafite gihamba ko babishe ku buryo bukurikije amategeko, nta cyari gutuma badaha imiryango ya bo imirambo ya bo bagashyngurwa mu cyubahiriro nk'abantu. Ahubwo nyine kuba barakoze uko bashoboye iby'imipfire y'abo banyaporitiki bikazimangana nti hagire n'uwakopfora abaza ibya bo biragaragaza ko igihe babicaga hari icyo biregaga bo ubwabo. Tugomba guharanira ko icyaha kititiranywa n'umuntu. Umuntu niba yakoze icyaha agomba kugihanirwa ariko ntatombwa kwamburwa ubumuntu bwe.

KWIBUKA ABAZIZE KUDETA YO MURI 1973 TWAKURAMO IYIHE NYIGISHO ? ibikurikira urup 3

Aha nagiyе ngarura ikibazo cy'uburenganzira bwo kwibuka uwawe ukagishingira ku muntu ku giti cye, kuko ibyo gukayirana abantu bose ukabashyira mu gisanduku cyangwa ikigare kimwe bibambura bwa « **bumuntu** » bwa bo, bagahinduka nk'amatungo. Bityo banakwicwa ntibagire uburenganzira bwo kunamirwa no guhabwa icyubahiro gikwiriyе **ikiremwamuntu**. Ibi kandi muzi ko ari byo biri kuba mu Rwanda kuva Inkotanyi zatera muri 1990 kugeza uyu muni. Aha mwibuke amagambo y'umuririmbyi witwa Sankara Callixte waririmbye agira ati : «*abacu bazize akamama (2x) kandi uwabishe ubu arigaramiye kuko yihinduye intwari. abacu bishwe nta no kubibuka nkaho bo ari ibikoko* ».

Uyu muhanzi aravugaga bimwe by'« umugani ugana akariho ». Ibyo ariramba ni byo biriho : ubu mu Rwanda igice kinini cy'abarutuye bambuwe **ubumuntu** bwa bo basigara barebwa nk'« ibikoko », (ibirura) n'ubutegetsi buriho. Ku buryo iyo bapfuye, banyerejwe bakaburirwa irengero, cyangwa se iyo bafunzwe mu karengane katagira urugero, nta we ushobora kugira icyo yongeraho.



Ibirango bya Repubulika y'u Rwanda yashinzwe n'intwali zarimbaguwe nyuma ya Coup d'Etat ya 1973

Umunyarwanda yaragize ati « agahwa kari ku wundi karahandurika » arongerera ati : « umusonga w'undi ntukubuzza gusinzira ». Koko rero burya ikibazo cyumvikana iyo kikubayeho ku giti cyawe. Nk'ubu abantu bafite hagati y'imyaka 40 na 50 (bavuye iwacu bafite hagati y'imyaka 20 na 30) ubu barimo kugenda bapfusha ababyabyeyi ba bo. Bamwe bashobora kubashyngura, ariko hari n'abandi benshi ibibazo by'ubuhunzi bitemerera kujya guherekeza ababo. Nanjye ibyo byago biherutse kumbaho sinashobora kujya gushyngura uwambyaye. icyo gihe nibwo numvise mu by'ukuri uburyo bariya bana b'abategetsi bishwe nyuma ya kudeta yo muri 1973, bafite intimba ikomeye igomba kugaragazwa, bagahabwa umwanya wo kunamira aba bo.

Mu by'ukuri, kuba iki kibazo cyo kwibuka nagiyе nginshingira ku muntu ku giti cye, byari ukugirango cyumvikane mu bukana n'ubumere bwacyo n'uburyo giteye agahinda. Ariko ikiruta byose nagira ngo buri muntu namara kumva uburyo icyo kibazo kiremereye, ashakisha uburyo bwose bushoboka kugira ngo mu gihugu cyacu hazajyeho ubutegetsi buha buri wese umwanya n'uburenganzira bwo kuzirikana, kunamira no kwibuka abawe abo ari bo bose. Kandi ga muze tunaharanire ko ibyo byo kwica uwo mutavuga rumwe bivaho kuko birambiranye ! Ibyo bizagerwaho mu Rwanda, ari uko hagiye ubuyobozi bwubahiriza umuntu mu « **bumuntu** » bwe, buri wese mu barutuye akumva ko yisanzuye mu bitekerezo, mu byo avuga, mu byo akora, akumva nta musu umuri mu maraso, akumva ko iyo avuze nta cyo agomba kwishisha cyagwa kwikanga.

Kuba rero bariya bana barashoboye guhuza abantu baje ari benshi, kiriziya igakubita ikuzura kandi nta butumire bwatanze, njye byampaye icyizere ko tubishatse tugakora nk'uko bo babigenje, dushobora kugera kuri byinshi. Muri byo ariko tukibanda ku bigana mu nzira yo kugeza mu gihugu cyacu buriya burenganzira bwo kwishyira ukizana, byaba mu birebana no kwibuka abacu bitabye Imana, byaba netse no mu guharanira ko demokarasi iganza iwacu muri rusange.

Petero SEBAHIRE.

IMPUNZI Z'ABANYARWANDA BANYANYAGIYE HIRYA NO HINO KW'ISI ZISHOBOKA KUBA ZIKABAKABA HAFI 700 000 (igereranya)



Mu mwaka wa 1994 u Rwanda rwacye agahigo mu kugira impunzi nyinshi kw'isi aho abaturage hafi ya bose b'igihugu bahunze bakava mu byabo. Mu kwezi kwa munani 1994 impunzi zabanyarwanda zabarirwaga hanzu y'u Rwanda zakabakabaga 4 500 000 (Zaire-RDC hafi 3 000 000, Tanzania 1 000 000, Burundi-Uganda n'ahandi abagera ku 500 000). Ubwicanyi bwibasiye impunzi muri Kongo butangira Congo yari ituwe n'impunzi zisaga 2 500 000. Muri bo hafi 1 000 000 yiciwe mu mashyamba n'ingabo za FPR, abagera ku 800 000 bacyurwa ku ngufu mu Rwanda, abandi bake babasha gusohoka mu mashyamba ya Kongo bahungira mu bindi bihugu haba muri Afurika cyangwa i Burayi, Amerika n'ahandi.

Impunzi z'Abanyarwanda zirimo inzego (ibyiciro bitandukanye)

1. Impunzi ziri mu mashyamba y'inzitane ya Kongo (bafite umwihariko kubera intambara z'urudaca z'innyeshyamba za Kagame/RDF)
2. Impunzi ziri mu bindi bihugu by'afurika: ziganjemo izambuwe uburenganzira bwo kuba impunzi (clause de cessation) hamwe n'izindi mpunzi zihunze vuba zitagira kivurira ziri hirya no hino mu bihugu by'afurika aho zandagaye.
3. Impunzi ziri i Burayi, Amerika na Australia : abo bari mu bihugu bigerageza kubaha uburenganzira bwa Muntu ariko nazo zifite ibibazo bitandukanye:
 - a) abashakisha impapuro (les demandeurs d'asile),
 - b) abimwe impapuro (les "sans-papiers"),
 - c) impunzi zifungiyе mu magereza,
 - d) impunzi zari zarahawe ibyangombwa ubu bakaba barabyambuwe zishoboka gukorerwa déportation igihe icyo aricyo cyose,
 - e) impunzi nyirizina zifite ibyangombwa (réfugiés),
 - f) impunzi zabonye ubwenegihugu bw'ibihugu barimo.



Izi ni impubyi n'abapfakazi b'impunzi z'Abahutu zarokotse ubwicanyi bw'ingabo za FPR-Inkotanyi mu ntambara zashoje muri Kongo zifashijwe n'ibisambo by'abanyamahanga bifuza gukomeza kunyonyuza ubutunzi bw'afurika .

Ibikorikira urup 4: IMPUNZI Z'ABANYARWANDA BANYANYAGIYE HIRYA NO HINO KW'ISI ZISHOBOKA KUBA ZIKABAKABA HAFI 700 000 (Igereranya)

Izi mpunzi zahungiyeye mu Burayi Amerika n'ahandi muri Afurika zifite ibibazo by'insobe muri byo twavugaga

- Gukurikiranwa mu buhungiro n'ubutegetsu bahunze no kwicirwa mu buhungiro,
- kwamburwa ibyangombwa ku babibonye no kuba basubizwa mu Rwanda cg bakaguma aho nta mpapuro,
- kwimwa ibyangombwa ku babikeneye kubera gukomanyirizwa mu nzego zitanga ibyangombwa n'ubutegetsu bahunze,
- guterwa ubwoba n'abacengezi ba FPR?DMI bakorera mu bihugu zahungiyemo

5. n'ibindi bibazo byinshi.

Imibare y'impunzi yifashe gute?

Imibare itangwa n'abahagariye LONI ivuga ko ubu mu mashyamba ya Kongo hari impunzi z'Abahutu zirenga 250 000 (Interview Martin Kobler RFI). Icyo twavugaga ni uko iyi mibare itangwa na LONI atari icyo kwizerwa neza kuko LONI ikunze kugabanya nkana imibare y'impunzi z'Abahutu. Mu byukuri impunzi ziri muri Kongo zirenga 250 000.

Nubwo imibare ya LONI iri hasi y'umubare nyawo ntacyo reka tuyihereho tugeregeranya umubare w'impunzi z'Abahutu n'Abatutsi bake bari hanze bahunze nabo.

Ikigereranyo

1. Mu mashyamba ya Kongo: hari impunzi zirenga **250 000**
2. Mu bihugu bya Uganda, Kenya, Tanzaniya, Burundi, Sudan zombi: twagereranya **100 000**
3. Zambia, Malawi, Mozambique, Zimbabwe, Afrika yepfo, Angola (muri make SADEC yose ukuyemo RDC): **120 000** (bashobora kuba barenga)
4. Cameroun, Congo-Brazza, Centre-Afrique, Gabon, Sénégal n'ahandi ntabwo muri Afurika yose: byibura abagera **50 000**
5. Uburayi bwose: **70 000** (mu Bubirigi honyine hari 40 000 mu Bufaransa abasaga 10 000, mu Buhorandi abakabakaba 8 000 mu Budagi 6 000 mu bihugu bya Scandinavia: abarenga 10 000)
6. Amerika na Canada: twagereranya ko hari impunzi zitari muni ya **40 000**
7. Muri Australia, Chine, Aziya yose: twafata ikigereranyo cy'abanyarwanda: **20 000**

Igiteranyo cy'iki kigereranyo cyacu: Impunzi z'abanyarwanda bari hanze barabarirwa kuri **650 000**.

Ikitonderwa

-Iki ni ikigereranyo, ariko dukeka ko imibare nyayo itari kure y'iyi dutanze kuko umwaka ushize twatanze ikigereranyo ko impunzi z'Abahutu ziri muri Kongo ziri hafi 300 000 bamwe baravugaga ngo Minani iyi mibare ayikuraha? Ejo bundi kuri Radiyo Mpuzamaganga RFI Martin Kobler uhagarariye LONI/MONUSCO muri Kongo atanga imibare yegeranye niyo nababwiye (250 000).

- Turasaba abafite imibare nyayo ifatika ifite na reference kuyitugezaho.

- Abazaduha imibare itangwa na zimwe mu 'mpuguke' zo muriyango wa HCR ushinze impunzi kw'isi kuko umwaka ushize mu gihe cya 'cessation clause' (gukuraho ubuhunzi kubanyarwanda) bavugaga ko abanyarwanda bari hanze utabariyomo abo muri Kongo batagera 80 000 naho abo muri Kongo imibare HCR yatangaga nayo iri hasi cyane mu gihe leta ya Kongo yo yatangaga imibare y'impunzi z'Abahutu muri Kongo 127 537.

Umwanzuro

Aba banyarwanda babarirwa hejuru ya 650 000 ubashyize mw'ijanisha bari hagati ya 6-7% by'abatwaga bese b'igihugu cyacu. Ibi bishatse kuvugaga ko 6-7% by'abatwaga b'u Rwanda bahejewe ishyamba n'ubutegetsu bubi bwa FPR inkotanyi(imyaka ibaye 20 kuri benshi).

Iyi mibare y'impunzi dutanze ni impunzi zifite ikibazo cyo gutaha iwabo ntabwo twabariyemo ba ba nyamurengwe bo mu gatsiko akenshi bazanwa no kwica impunzi.

Uyu mubare w'impunzi z'Abahutu tuvuye haruguru zihaze ishyamba uruta kure umubari w'Abatutsi bari ishyamba mbere ya 1990. Banyarwanda Banyarwandakazi rero ngaho nimutekereze ikigomba gukurikiraho kugirango izi mpunzi zisubire iwabo zitamanitse amaboko kandi zigire uruhare mu miyoborere y'u Rwanda. Murabivugaho iki?

Amahoro n'urukundo mwese.

Jean-Marie V. Minani

IKIBAZO CY'IMVANGE MU MOKO Y'U RWANDA.

Ibikurikira inkuru yasohotse mu numero yacu ya 3



Mu nyandiko yacu y'ubushize twabagejeje ibyerekeye n'icyiciro cya mbere cy'ababana hadashyigiyemo mbere ku bushake bwa bo n'icyiciro cya kabiri kigizwe n'ababana babishingiye ku nyungu no ku mibare. Ubu noneho nyuma y'ibyo bice bibiri by'ababana, muri iyi nyandiko ndagirango ntinde gato ku birebana n'igice cya gatatu kigizwe n'ababana barashakanye, ni ukuvuga ababana babishingiye ku rukundo baba bafitanye. Ariko ndi bwibande ku biba ubu mu gihe turimo cyangwa se byabaye mu minsi ya vuba aha abantu baba bakibuka kuko nsanga aribyo dukwiye gusuzuma tukarebera hamwe uko byifashe n'uko byari bikwiye kumera. Ndi bunarebe gato uburyo abakomoka kuri abo babyeyi badahuje uwoko babaho n'uburyo bibona, cyangwa babonwa n'abandi, ndetse n'uruhare bagira mu buzima bw'abanyarwanda bw'uuyu muni n'ubwo mu minsi iri imbere.

Ubundi nta cyiza nk'urukundo. Nyamara iyo urebye usanga abantu batabyumva kimwe. Igihe cyose abantu bikundanye bakifuzaga kurushinga, usanga hatabura abashaka kubyitambikamo batitaye ku rukundo n'inyungu z'ababa bashaka kwibanira. Aha ni naho umunyarwanda yahereye aca wa mugani ngo « nta butaha butishwe ».

Ingero ni nyinshi ariko reka ntange nk'eshatu ntekereza ko nshobora kuba nzemeranywaho na benshi. Urwa mbere nyine ni urw'Umututsi wakwifuzaga kubana n'Umuhutukazi. Akenshi ababyeyi b'umuhungu bamubaza icyo ashaka muri ubwo bwoko butagira ubupfura n'ikinyabupfura. Ariko ibintu bikomera kurushaho iyo ari umukobwa w'Umututsikazi ukundanye n'umuhungu w'Umuhutu. Bwo rwose ababyeyi akenshi babyamaganira kure ndetse bakabirwanya bivuye inyuma. Impamvu ituma ubukana mu kurwanya ko Umututsikazi yashakana n'Umuhutu buruta ubukorehwa mu kurwanya ko Umututsi yashaka Umuhutukazi ndazigarukaho mvuga iby'abana bavuka kuri ubwo bwoko.

Kwirangangiza iki kibazo ni ukwigiza nkana kuko rwose nzi abantu bambwiye ko hari umuryango w'Abatutsi wahisemo kwicisha umusore w'Umuhutu washakaga gusaba Umututsikazi wo mu muryango ukomeye bari bariganze muri Kaminuza, bagakundana bakifuzaga kubana. Uwo musore yishwe aho umukobwa yeruriye akabwira ababyeyi be ko babishaka batabashaka, we yiyemeje kubana n'ubwo musore bakundana; kuko kuri bo iby'amoko nta cyo byari bibatwaye nta n'icyo byari bibabangamiye. Aha ariko nagirango mvuge ko no ku ruhande rw'Abahutu hari abakiri mu bujiji butuma badashyigikira rugikubita imibanire y'umwana wa bo n'ukomoka mu bwoko bw'Abatutsi.

Ikindi kibazo cyakunze kuranga imishakanire hagati y'abanyarwanda ni icy'uturere cyane cyane mu gihe cy'ingoma ya Habyarimana. Muri icyo minsi rwose hari abantu bo mu majyaruguru y'igihugu bumvaga batakwemera ko umwana wa bo yabana n'ubwo mu majyepfo. Ibyo babiterwaga ahanini no kumva ko abantu bakuye ku ngoma bagomba kubitondera, kuko bavugaga ko ku ruhande rumwe abanyanduga ari indyarya. Ndetse ku rundi ruhande hari aberuraga bakavugaga ko abanyanduga bese ari Abatutsi ko rero nta mpamvu yubashyirira cyangwa kubashakamo.

Aha rwose nzi umuntu uvuka mu Ruhengeri wakundanye n'umukobwa w'umunyandugakazi ababyeyi b'umusore bamubera ibamba. Aho rero abumvishirije ko na we atareka uwo mukobwa, bahisemo kumuca mu bana ba bo, agirwa igicibwa aya kwibera i Gitarama n'umogore we. icyakora nyuma abo babyeyi baje kubona ko uwo mukazana ari umugore nk'abandi, arabayarira, arabubaha na bo bageze aho bamwemera mu bandi cyane cyane ko no ku birebana n'inkwano bari babonye ko « atakoshaga » nk'ab'iwabo.

Urugero rwa nyuma natanga rw'ingorane abakundana badahuje uwoko bahura na zo iyo ababyeyi ba bo bagifukiranwe n'igihu cy'ivangurakoko ntirwerekanywe cyane n'ababyeyi ahubwo rurabana n'aho umuntu akora. Ibi bikaba byarakunze kuvugwa cyane cyane mu gisirikare cyo ku ngoma z'abahutu aha ndashaka kuvuga Kayibanda na Habyarimana. Hari abavuga ko haba harakorwaga iperereza rigamije kureba niba uwo ugiye kubana na we ari umuhutukazi wa nyakuri, cyangwa niba ari umututsikazi. Ibyo ku ngoma ya Kayibanda byo simbivugaho cyane kuko nari ntaraca akenye katuma ngira icyo mbona; ariko ku bwa Habyarimana bwo hari abaje kunkoraho iperereza ku bantu nari nzi bifuzaga kurushinga hagamijwe kumenya niba koko uwoko bwanditse mu ndangamuntu y'umukobwa bwari bwo bwe cyangwa niba se yaba « yaritutsuye » nk'uko byavugwaga (« kwitutsura » n'jye mbyumva nko guhindura ukareka ubututsi ukaba Umuhutu, naho « kwihutura » bikaba kureka ubuhutu ukaba Umututsi). Ngo byaba bishoboka ko iyo basangaga uwo wabaga ugiye kubana na we ari Umututsikazi ngo byaba byarasabaga uburenganzira bwihariye ndetse byaba ngombwa bakaba bakubuzza kumurongora. Abo byabayeho bari bakwiye kuduha ubuhumya bwa bo. Ndetse niba hari ababa bazi uko byifashe mu gisirikare cy'ubu na bo batubwira.

Nyuma yo kubona ko ababana badahuje uwoko akenshi babanza kurwana n'ingorane zitoroshye, ziterwa n'ababyeyi batavugaga rumwe n'abana ba bo ku bo bashaka kurushingana, nagira ngo turebere hamwe ibyerekeye ababavukaho. Ubundi ku birebana n'ubwo bw'abo bana bavuka ku babyeyi badahuje uwoko nta kibazo cyagombye kubama, kuko mu muco wacu « umwana ntakurikira inkanda »; se w'umwana ni we umuha uwoko. Ibi bishatse kuvugaga ko umwana afata uwoko bwa se; bigasobanura ko iyo Umuhutu ashakanye n'Umuhutukazi babyara abana b'Abahutu, naho Umuhutu igihe abanye n'umuhutukazi bakabyara abatutsi. Ibyo ni ibintu bisobanutse neza ku buryo nta wagombye kwibaza niba hari uwoko bw'« imvange » bubaho.

Nyamara abanyarwanda murabazi ntibabura guhora bashakisha ibibazo n'aho bitari. Ni muri urwo rwego mu myaka yashize hadutse amagambo ku bwanjye no kubw'umuco wacu atari akwiye gukoreshwa. Ayo magambo ni « imvange », « abahutsi », niba n'« abatsihu » babaho simbizi. Hari n'abakoresha ijamba n'jye mbona atari ryo kuko riba ryateshejwe insobanuro yaryo kuko n'jye nzi ko rikoresha ku matungo. Iryo jambo ni « ikimanyi ». Ku bwanjye abarikoresha bagirira nkana kuko baba

abo babana badahuje uwoko, bityo bakarikoresha bashaka kwerekana ko bene iyo mibanire idahwitse kandi idakwiye abantu ahubwo ko ikwiye inyamaswa; bakaboneraho kwita abana babo « ibyimanyi » kandi ubundi iryo jambo rikoresheya ku nka cyangwa ihene zivuka ku mfizi n'inyana cyangwa isekurume n'inyagazi z'ubwoko butandukanye.

Duhereye ku ijamba « Imvange » n'jye numva abarikoresha baba bashaka kugaragaza ko abo bana baba ntaho babarizwa hagaragara, bityo ari mu Bahutu bakaba nta ruhare bakwiye kuhagira ari no mu Batutsi bikaba uko! Ibyo rero ni byo bishobora gutuma abo bana batizerwa na buri bwoko bw'ababyeyi babo; ndetse hakaba hari n'ubwo byabaviramo gusuzugurwa, kurebwa nabi no kwigizwayo; guhora babishisha, gutera amakanga abahura nabo mbega bakamera nk'ibicibwa by'« ibiburabwoko ».

Mbega abakoresha iryo jambo n'jye nsanga basa na ba bandi bitaga Henri Lopes umwirabura iyo yabaga ari mu bazungu, cyangwa abamwitaga umuzungu mu gihe yabaga ari kumwe n'abirabura; babaga bagamije kumubaza umwana mu bwoko bw'ababyeyi be bwombi.

Nyamara turenze gato ibyo umuco wacu uvuga ngo « umwana ntakurikira inkanda » tugatekereza nk'abantu bafite ubumenyi mu bijyana n'imyorokere y'ibinyabuzima twasanga mu by'ukuri umwana uvuka ku babyeyi babiri badahuje uwoko aba afite igice cya buri wese mu babyeyi be. Bityo rero nk'ubwo mwana aramutse ashakanye n'undi na we ukomoka ku bwoko buri buri bunyuranye, abana babayara baba bongeye kwitarura uwoko bwa sekuru na nyirakuru. Aha rero niho n'jye nsanga turamutse dutekereze nk'abantu bize cyangwa bazi uwenge, tutagombye gukomeza kureba ngo runaka ni Umututsi w'umwimerere, runaka wundi ni umuhutu utavangiye. Twagombye kureba ubwuzuzanywe bugomba kuba hagati y'ayo moko yose, buri muntu akubahiriza buri wundi. Ibi ni ibintu bikomeye cyane kandi n'abanyaporitiki bacu bakagombye guharanira ko nta wuzongera kuzira inkomoko ye.

Ijambo « Abahutsi » ryo natangiye kuryumva kuva muri za 1980 no kugeza mu gihe Inkotanyi zarimo kurwana n'ingabo z'u Rwanda z'icyo gihe, narisomaga mu binyamakuru bya Kanguka na Kangura. Abavugwaga cyane ariko ni « Abahutsi ». N'ubwo iryo jambo ryakoresheya bashakira kuvaga abana bavuka ku Batutsi n'Abahutu muri rusange, akenshi ryasobanuraga ku buryo bw'umwihariko abavuka ku mugabo w'Umuhutu n'umugore w'Umututsikazi kuko mu bwoko bw'Abatutsi ntibabaga bahemewe na mba kubera cya kindi nababwiye cy'uko umwana adakurikira inkanda.

Umwana uvuka ku Mututsi ubana n'Umuhutukazi ubundi nkurikije iyo myumvire itekereza ko habaho « abahutsi » na bo bagombye kwitwaga « abatsihu » ariko ndumva ntarigeze numva cyane iryo jambo rikoresheya kuko abo bana bibazwagaho ibibazo bike bitewe nyine n'uko umwana adakurikira inkanda ubwo uwo mwana yabaga ari umututsi akivuka bigacira aho. Gusa tutagombye gutinda cyane ku bisobanuro n'jye mbona nta n'icyo bitwungurwa mu mibanire myiza y'amoko yacu, ikizwi ni uko abo bana baje guhora n'ingorane zikomeye mu gihe cy'intambara y'Abahutu n'Abatutsi ubwo barwaniraga ubutegetsi.

Soma Ibikurikira ku rup 4....

Ibikurikira urup. 6

Bahuye n'akaga ku buryo bwinshi. icya mbere, uko byangenda kose bumvaga ubwoko bw'umwe mu babyeyi ba bo burimo kwica ubw'undi mubabyeyi wa bo. Rimwe bakumva ngo « Inyenzi-Inkotanyi » zigizwe n'Abatutsi zateye u Rwanda ; ku rundi ruhande bakumva ngo « intarahamwe » zigizwe n'Abahutu zamaze Abatutsi. icya kabiri kinababaje kurushaho ni iyo umwe mu babyeyi yabaga yishwe n'abagize ubwoko bw'undi mubyezi. Siniriwe mvuga noneho abiciwe ababyeyi bombi buri wese yishwe n'abo mu bwoko bw'undi. Twese tuzi abana bari bafite umubyeyi w'Umutsi wishwe n'Interahamwe, nyuma n'Inkotanyi zafata ubutegetsi uwari usigaye akicwa na zo. Gusa aha nagirango mvuge ko ikibazo cy'u Rwanda kitoroshye ku buryo abavuga ko Abatutsi bose baguye muri buriya bwicanyi bishwe n'Abahutu cyangwa se ko Abahutu bose bishwe n'Abatutsi gusa biregangiza ukuri kose. Twese tuzi hari Abatutsi bishwe n'Abatutsi hakaba n'Abahutu bishwe n'Abahutu. icyo ariko ni ikindi kibazo umuntu yazagarukaho ukwacyo kuko ibirebana n'UKURI ku byabaye iwacu bizatindwaho mpaka bimenyekaneye neza ; ubu twibande ku byatuzinduye by'abana b'ababana badahuje ubwoko n'ingorane byagiye bibakururira.

Birimvikana roko kuri abo bana kubyarwa n'abantu badahuje ubwoko byababereye umutwari utoroshye, ndetse kuri bamwe bibaviramo isoko y'agahinda katazapfa gashize. Ibyo rero iyo ubyongeyeho ko akenshi usanga abo bana batizerwa ku buryo bwuzuye n'abava mu bwoko bw'ababyeyi ba bo, bibatera ikintu gisa n'isoni kivanze n'ipfunwe n'agahinda hamwe n'umujinya wo kuzira ibyo batasabye ko biba. Gusa aha nagira ngo nsabe abo bana bakomoka ku babyeyi badahuje ubwoko ko batagomba kwiyumvamo ko bari hagati nk'ururimi, cyangwa ngo bahere mu gihirahiro no mu cyeragati bateragirana n'ayo moko yombi.

Ahubwo bagombye kumera nk'uriya Henri Lopes nababwiye haruguru ; bakishakamo imbaraga zishingiye ku byiza bakura ku babyeyi ba bo bombi, bikabaviramo ubwenge, ubushishozi n'ubushobozi bwo kurenga ibyo bibazo baterwa n'abo bahura na bo mu buzima bwa buri muni, cyangwa wenda banaterwa n'uburyo biyumva n'uburyo bibona bo ubwabo. Izo mbaraga nje mbona zihagije kugira ngo bivane muri ibyo bibazo, babeho mu bwisanzure bigirire akamaro kandi bakagirire na twe twese n'igihugu muri rusange.

Ku baba bashakira kureba no kumva uburyo abantu badahuje ubwoko, indimi, ndetse n'ibara ry'uruhu bashobora kubana neza, buzuzanya, bakubaka igihugu cya bo, barebura ku bihugu by'i Burayi ndetse na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Nko mu Buhirigira n'u Bufaransa uhasanga abantu baturuka imihanda yose y'isi, bafite imico, indimi, imyumvire n'ukwemera bihabanye rwose ; ariko bagira ubwubahane n'ubwuzuzanye byatumye bavana muri ubwo bunyurane bw'ababituye ingufu zatumye bakataza mu majyambere y'inze zose, haba muri poritiki, ikoranabuhanga, inganda, umumenyi, ubukungu n'ibindi... Aha nagira ababishoboye kandi bumva igifaransa mbaseba kuzasoma igitabo cy'abanyamateka bitwa Lucien Febvre na François Crouzet cyitwa « Nous sommes des sang-mêlés ». Mu kinyarwanda ngenekereje byaba nka « Turi ba Maraso-Avanze ». Iki gitabo mbona cyaha isomo abanyarwanda bese muri rusange n'abavuka ku bwoko bunyuranye by'umwihariko.

Muri make, abo bagabo basesengura amateka y'u Bufaransa bagasanga icyo gihugu kidatuwe n'ubwoko bumwe bw'umwimerere. Ahubwo basanga u Bufaransa bwaragiye bwubakwa buhoro buhoro n'uruvangitirane rw'imico n'amoko anyuranye. Abo banyamateka babona ko urwo ruhurirane rw'abanyamahanga baje buzuzanya ari rwo rwatumye u Bufaransa bugera aho bugeze ubu. Aha rero ni naho bahera bamagana uwazana gukururura urwagano no kwikoma abo mudahuje umuco, ibara ry'uruhu, imyemerere n'imitekerereze. Ahubwo bo bashishikariza abantu bese muri rusange n'abafaransa ku buryo bw'umwihariko, guharanira icyo bita « ubuvandimwe » bw'abatuye isi bese. Bagasanga aha ariho hari isoko y'amahoro nyayo yatuma ubumuntu n'ubuntu biganza, kuko muri iyo myumvire twese tuba turi ba « maraso-avanze ».

Umwanzuro

Muri magambo avunaguye rero nagirango nanzure mvuga ko mu mateka yacu y'u Rwanda ukubana ku badahuje ubwoko byahozeho, biriho kandi bizahoraho nta gushidikanya ; kandi nta cyo dushobora kubihinduraho kuko urukundo nta kirukoma imbere. Kandi ga burya amateka ntaryoshwa, ntarimbwa, ntagoragozwa nta n'ubwo ashobora guhimbwa cyangwa ngo avugwe uko atabaye ngo bifate. Naberetse ko n'ubwo amateka yaba agaragaza ko hari abantu bitwaza ubwoko, ibihugu cyangwa ibara ry'uruhu rwa bo bagakandimiza abandi iyo urukundo rwaje ibyo byose bitampaye agaciro birenzaho, abakundanye bakibanira, kabone n'ayo abo mu miryango ya bo babibangamira. Iyo mibanire rero ikwiye kuba igiteranyo cy'ibyiza aho kuba ikigabanyo n'ikinyuranyo byaganisha ku kuvangura no kudashyira hamwe bigamije gutandukanya abantu kandi tuzi neza ko bahujwe na byinshi biruta ibibatandukanya.

Nagerageje kwerekana ko ikibazo cy'imibanire y'abadahuje ubwoko atari u Rwanda rukihariye rwonyine. Natanze ingero z'ahandi nkana ngamije kwerekana ko hari ibyiza twakopera ahandi tukabizana iwacu bikatubera urugero rwiza rwatuma turenga izi ngorane twikururira, kandi zitafite agaciro ntizinatuzamure ; ahubwo zikomeza kutuzitira zikatubaza kubana mu bwuzuzanye. Akaba ari nayo mpamvu ababana badahuje ubwoko kimwe n'abo babyara bagomba kutubera igihango gishingiye kuri uko kuvanga amaraso tukirinda kugitira twongera guhemukirana, ahubwo tugashakisha ibyiza byinshi biri muri buri wese mu babana badahuje ubwoko, bigashyirwa hamwe hagamijwe ubwuzuzanye n'ubwubahane biranga urukundo bafitaniye.

Ku birebana n'abana bavuka muri izo ngo z'abadahuje ubwoko ntabwo kubabera ikibazo, ahubwo bigomba kubabera igisubizo cy'ibibazo by'amoko dufite mu Rwanda ; mbega bakiyumvamo ko ari ba « gahuzamiryangonyarwanda » tukabareberaho urugero, bakatubera igihango kigamije guca inzigo n'urwango mu moko y'abanyarwanda ; bityo tukarushaho kubana mu bworoherane, ubwuzuzanye n'ukwizerane tukobana ubujya mbere.

Wowe urabibona ute ?

HAVUGAYO MVUGAKARIHO.

INTABAZA, INTABAZA !!!**KU BANYARWANDA AHO MURI HOSE**

Speciose Mujawayezi

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Muri "Gacanzigo" yacu kandi yanyu y'uyu muni, nifuje kubagezaho ubutumwa bw'intabaza ku kibazo cy'inkongi z'imiriro n'i cy'abantu bakomeje kunyerezwa mu gihugu hose.

Iyi ntabaza, irareba buri wese, uhereye ku bayobora igihugu , abayoborwa ndetse n'impunzi z'abanyarwanda aho bari hose ku mu gabane w'isi.

Ndemeza nkomeje ko iyi ntabaza ireba cyane cyane ne abategetsi bayobora u Rwanda ubu kubera ko aribo bashinzwe umutekano w'abaturage. Ni kenshi abayobozi bo mu Rwanda bivugira ko u Rwanda ari igihugu gifite umutekano ndetse n'iterambere ryakataje. Ariko iyo urebye uburyo igihugu cyayogojwe n'inkongi y'imiriro wakwibaza umutekano bariya bayobozi baba batubwirira aho uherereye.

Igihugu cyacu kigiye kutubana umuyonga. Ngiyo imiriro mu muji wa Kigali, ngizo inkongi z'imiriro mu magereza ; nka gereza ya Muhanga , gereza yo ku Gisenyi zari zibohyememo imfunwa zitagira ingano na gereza ya Kimironko yo mu muji wa Kigali yafashwe n'inkongi y'umuriro ikazimwa itaragurumana . Si amagereza gusa yibasiwe n'inkongi z'imiriro . Hirya no hino mu gihugu inkongi z'imiriro zikomeje kwibasira amazu y'ubucuruzi, imbyiniro, amashuri, amazu y'abanegihugu asanzwe n'ahandi henshi ntarondoye hirya no hino mu gihugu.

Soma ibikurira ku rup. 8

INTABAZA, INTABAZA !!!

KU BANYARWANDA AHO MURI HOSE **Ibikurikira urup.7**

Speciose Mujawezu
Umunyamabanga Mukuru
w'ISANGANO
ry'Abenegihugu



Abantu biruka mu mihanda bagurumana kumannywa y'ihangu abantu babashungera ndetse n'abitwa ko bashinzwe umutekano barebera. Ubu rero noneho amakuru atugeraho aratubwirako ko inkongi z'imiriro zafashe indi ntera aho zatangiye no kwibasira amavuriro aho inkongi y'umuriro yibasiye ikigo nderabuzima cya Rulindo kigakongoka .Izi kongi z'imiriro kandi aho zibaye hose zihitana abantu n'ibintu bitagira ingano. Gusa igiteye isoni ni uko abayobozi b'u Rwanda bakomeje kubeshya abaturage ko ngo ari insinga z'amashanyarazi zapfuye ukibaza ukuntu izo nsinga zihengera ijoro riguye zigapfa!

Iyicwa n'inyezwa ry'abanyarwada.

Nk'uko natangiye mbibabwira si inkongi z'imiriro zibasiye igihugu cyacu gusa . Ubutegetsi buriho burakabije kwica no kunyereza abanyarwanda. Nk'uko twakunze kubivuga, kuva FPR –inkotanyi yafata ubutegetsi ku ruhembe rw'umuheto mu 1994 nyuma y'imivu myinshi y'amaraso, yasanze kuriyo abapfuye badahagije ngo yunamure icumu. Kuva icyo gihe yahisemo kwica , gufunga , kurigisa no guhungeta umunyarwanda wese aho ava akagera.

FPR yahisemo guhindura igihugu cyose gereza n'amarimbi aho ishobora kwica no kunyereza ku bwinshi abo ishaka kwikiza. Aha twibukiranye ko muri za nkongi z'imiriro zibasiye gereza ya Muhanga na Gisenyi , imfungwa zose zarimo ntawamenye irengero ryabo! Si ibyo gusa ,abayobozi b'u Rwanda ubwabo bivugiyeye ko hari umubari w'abari barahawe igihano cy'insimburagifungo (TIG) , bagera ku 46.000 byaburiwe irengero ndetse hakaba n'abandi 16.000 by'abaturage bo mu karere ka Ngororero mu ntara y'i Burengezabura nabyo baburiwe irengero n'izindi ngero nyinshi nk'imiryango ibura irengero ry'abayobozi buri muni, abahira mu mazu n'ibindi.

Burya ngo iminsi y'igisambo ntirenga 40!

Muri ino minsi haravugwa imirambo igera kuri 40 mu kiyaga cya Rweru (hagati y'u Rwanda na Burundi) iboheye amaboko inyuma . Iyo mirambo ikaba ngo yaravumbuwe n'abarobiyi b'abarundi. Ku bazi neza uburyo FPR yica urubozo , hagakubitira ho n'abantu batagira ingano bamaze kuburirwa irengero , bemeza ko iyo mirambo ari iy'abanyarwanda. Gusa abakora isesengura , kandi bazi neza uburyo FPR n'agatsiko kayo ukuntu ari abahanga mu kuzibangatanya ibimenyetso by'abo bishe(ku batwika...), bibaza impamvu iriya mirambo yajugunywe mu ruzi rw'Akagera kabyarwa na (Akanyaru + Nyabarongo) igatembana n'amazi kugeza ubwo igeze mu kiyaga cya Rweru kiri hagati y'u Rwanda n'u Burundi. Aha hari n'abemeza ko ashobora kuba ari amakimirane yatangiye kuvuka mu nda y'ingoma ndetse hakaba hari abarambiwe cyangwa batangiye guterwa ubwoba n'amaraso menshi y'abana b'u Rwanda bakomeje kumena; bakaba batangiye gushyira ku karubanda ubwicanyi n' ubugizi bwa nabi bw' agatsiko.

Bityo bakaba barahisemo kujugunya iriya mirambo mu mazi iziritse akandoyi kuko bari bazi neza byanze bikunze ko hari abazayibona. Ikindi kigaragaza ko iriya mirambo yaturutse mu Rwanda ni uko ngo umwe muri yo bamusanganye ikarita ya mituweli y'u Rwanda mu mufuka.

Agatsiko ka FPR karananiwe birenze igipimo.

Umuntu avuze ko abagize agatsiko bananiwe birenze igipimo n'ukwemera ntiyaba yibeshye. Iyo urebye ibibera mu gihugu cyacu twarondoye hejuru, hagakubitiraho n'isubiranamo rivugwa muri ino minsi ku bagize agatsiko, twagombye natwe kwibonera ko agatsiko kananiwe kuva kera, ahubwo kabuze abagatara umutwara kikoreye w'ubutegetsi kadagifiteye umurungo kabuha. Iturufu ya genocide yakoresheje imyaka 20 yose yatahuwe n'amahanga n'abanyarwanda ubwabo, naho iyo (iturufu) kujya gushyira muri Congo bitwaje FDLR yo yahindutse ikigarasha gicitse ! Ubu agatsiko kageza aho gasubiranamo, abasirikare bakuru barafungwa umusubizo, abamuhunze yabise ibigarasha none abo ashaka kwikiza ubu bitwa ibirura n'isenen! Ibi byose iyo ubyumvise ubona ko munda y'ingoma ya FPR harimo ikibazo gikomeye ,ndetse nta n'uwahakana ko atari amarembera y'ingoma y'agatsiko k'abicanyi.

Ingoma y'abicanyi igeze mu marembera

Mu kinyarwanda baravugaga ngo "nyiri amaso yerekwaga bike, ahasigaye akirebera". Haba mu madiscours y'abagize agatsiko, haba mu makuru dusoma cyangwa twumva hirya no hino ntawashidikanya ko iby'agatsiko bigiye kuzasigara mu mateka mabi yaranze igihugu cyacu.

Abagize agatsiko ka FPR kafashe igihugu gitamba imivu y'amaraso none karashaka kuzagisiga ari umuyonga! Aha nkaba nongeye guhamagarira abanyarwanda bose ; abari mu gihugu imbere no hanze, ariko cyane cyane abahagarariye za Sosiyete civile n'abahagarariye amashyamba ya opposition gushyira hamwe imbaraga zacu tutitaye ku bwoko dukomokamo (hutu , tutsi, twa) cyangwa akarere (kiga-nduga) cyangwa aho abahungutse baje baturutse (Uganda, Congo, Burundi, abari mu Rwanda...) kugirango tubashe guhirika kariya gatisko kamaze kugira igihu cyacu umuyonga. Abishyize hamwe nta kibananira kandi Abishyize hamwe IMANA irabasanga

"Gacanzigo".

Speciose Mujawezu



Ishyaka ISANGANO RIHAGAZE HE KU BYEREKEYE UBWISANZURE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MURI RUSANGE N'UBW'ABANYANYARWANDA BY'UMWIHARIKO

Twebwe Abenegihugu b'u Rwanda twibumbiye mu Ishyaka ISANGANO-ARRDC-Abenegihugu dutangarije Abanyarwanda n'Isi yose kumenya ko:

1. U Rwanda ari urw'abenegihugu bose, Abahutu, Abatutsi, Abatwa n'abahawe ubwenebihugu. Nta Rwanda rw'ubwoko bumwe ruzigera rubaho
2. Nta vangura rigomba kubaho aho ryaba rishingiye aho ari ho hose ku moko, uturere, igitsina, amadini, aho abantu bahungutse baturuka n'ibindi abantu bashobora kwitwaza. Abanyarwanda bose barashyamba imbere y'amategeko.
3. Ubutegetsi bwose ni ubw'abenegihugu, nibwo bukorerwa kandi butangwa nabo binyuze mu matora asesuye kandi anyuze mu mucyo muri Demokarasi.
4. Amahano yose, Jenoside yakorewe Abahutu na Jenoside yakorewe Abatutsi, ibyaha ndengakamere byo mu rwego mpuzamahanga n'intambara byahitanye Abanyarwanda mu moko yose bibonamo ndetse n'Abanyamahanga mu Rwanda no mu Karere rurimo byatewe n'ubutegetsi bubi bw'udutsiko twambuye Abenegihugu ubutegetsi bwabo n'uburenganzira bwabo bw'ibanze, ibyo ntibizongera kubaho ukundi,
5. Ni ngombwa kumva akababaro k'Abahutu n'akababaro k'Abatutsi n'Abatwa mu mahano yose yabereye mu Rwanda no mu Karere ruherereyemo bityo hakaba hakenewe kuvugisha UKURI no kunga abanyarwanda hagati yabo no kubungira n'abaturanyi bo mu bihugu byo mu Karere,
6. Akarengane kose kagirirwa cyane cyane Rubanda rugufi, ubuhake mu buryo bwose, agasuzuguro, amacakubiri, iterabwoba, ikinyoma, ikumira n'itheza ry'igice kinini cy'abenegihugu byazanwe n'Agatsiko kashyamba Abenegihugu bigomba gucika burundu,
7. U Rwanda rwacu ruzagera kw'ishya n'ihirwe n'ubwisanzure n'amahoro arambye, igihe abenegihugu barwo bose bafite ubwisanzure mu bihugu cyabo, bakagira n'amahirwe angana yo kwinjira mu nzego z'ubuyobozi bwa gisirikare na gisivire, bose bakagerwaho n'ibyiza by'igihugu kandi bose bakarengerwa n'amategeko y'igihugu mu buryo bungana,
8. Ubutegetsi bwa Demokarasi isesuye ishingiyeye ku byifuzo n'ibibazo by'Abenegihugu niyo yaha ikizere abanyarwanda bose.

Jean-Marie V Minani, Prezida Fondateri w'ISANGANO (sé)

Ikiyamakuru Intabaza-Gacanzigo gifite intego ebyiri:

1. gutabariza abanyarwanda kw'isi hose no
2. guca inzigo mu bana b'u Rwanda.

Inkuru zacu zizibanda kuvuga ukuri ku biba ku banyarwanda muri iki gihe no mu gihe cyashize hagamijwe kubaka umuco wa Demokarasi, ubworoherane n'amahoro mu Banyarwanda no mu bihugu byo mu Karere

Ikiyamakuru Intabaza-Gacanzigo kizajya gitangaza inkuru mu ndimi zitandukanye cyane cyane Ikiyarwanda, Igifaransa, icyongereza, Ikidage, Igihorandi, Igisipanyoni, Igiswayire n'izindi

Ikiyamakuru Intabaza-Gacanzigo ntawe kizima ijamba arisabye kandi ntawe kizahatira kurifata atarishaka.

Nimukigane ni icyanyu.

Inama y'Ubwanditsi

- Jean-Marie V. Minani, Umuhuzabikorwa Mukuru
- Madame Spéciose Mujawayezu, umuyobozi wa Publication
- Jean Paul Habimana, Umwanditsi
- Madame Epiphanie Rugambage, Umubitsi

Addresses zacu ni
Friederikenstr.9, 49809 Lingen
Germany

Phone: 004915216127584
E-mail: isangano.rrdc@gmail.com